

REPUBULIKA Y'U RWANDA



MINISITERI Y'IBIDUKIKIJE

MINISITERI Y'UBUHINZI N'UBWOROZI

AMABWIRIZA YA MINISITIRI W'IBIDUKIKIJE NA MINISITIRI W'UBUHINZI N'UBWOROZI N° 001..... YO KU WA 11/02/2025 AGENA IMICUNGIRE N'IMIKORESHEREZE YIHARIYE Y'UBUTAKA BW'INZURI ZA GISHWATI

Mu rwego rwo kunoza imicungire n'imikoreshereze myiza y'ubutaka bw'inzuri za Gishwati zasaranganyijwe mu Ntara y'Uburengerazuba mu Turere twa Nyabihu, Rubavu, Ngororero na Rutsiro;

Minisitiri w'Ibidukikije na Minisitiri w'Ubuhanzi n'Ubworozi bamaze kubyunguranaho inama;

Bashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda cyane cyane mu ngingo yaryo ya 44, iya 53, iya 95 n'iya 121;

Bashingiye ku Itegeko N° 27/2021 ryo ku wa 10/06/2021 rigenga ubutaka, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 17, iya 41, iya 49, iya 67 n'iya 69;

Bashingiye ku Itegeko N°48/2018 ryo ku wa 13/08/2018 rigenga ibidukikije, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 8, n'iya 42;

Bashingiye ku mabwiriza ya Minisitiri w'Ibidukikije na Minisitiri w'Ubuhanzi n'Ubworozi N° 0002 yo kuwa 17/11/2021 akena imicungire n'imikoreshereze yihariye y'ubutaka bw'inzuri za Gishwati;

Bashingiye ku mabwiriza y'Umubitsi w'Impapuro mpamo z'Ubutaka yo ku wa 4/01/2017 agenga ibikurikizwa n'ibisabwa mu itangwa ry'ibyemezo by'iyandikisha ry'ubutaka bwasaranganyijwe mu butaka bw'inzuri zasaranganyijwe muri Gishwati;

Bashingiye ku myanzuro y'inama yo ku wa 20/08/2019 yabereye mu cyumba cy'inama cya Minisitiri y'Ibidukikije iyobowe na Minisitiri w'Ibidukikije yahuje Minisitiri y'Ingabo, Minisitiri y'Ubuhanzi n'Ubworozi, Minisitiri y'Ubutegetsi bw'Igihugu ndetse n'ibigo bizishamikiyeho, Intara y'Uburengerazuba n'uturere tubarizwamo inzuri za Gishwati yemeje ububiko bw'amakuru ajyanye n'ibipimo by'ubutaka (Geo-database) bw'inzuri za Gishwati.

Bashingiye kandi ku myanzuro y'inama yo ku wa 05/07/2023 yasuzumaga ibibazo byagaragaye mu nzuri za Gishwati ikemeza kuvugurura amabwiriza y'imicungire n'imikoreshereze yihariye

y'inzuri za Gishwati hagamijwe gushyiraho amasezerano umworozi agirana na Leta yo kubyaza umusaruro ubworozi no ku bungabunga ubutaka bw'urwuri muri Gishwati (Imihigo), mbere y'uko ahabwa icyangombwa cy'urwuri gikosoye.

Batanze amabwiriza akurikira:

Ingingo 1: Icyo aya mabwiriza agamije:

Aya mabwiriza agamije kunoza imicungire n'imikoreshereze myiza y'ubutaka bw'inzuri za Gishwati zasaranganyijwe mu Ntara y'Uburengerazuba mu Turere twa Nyabihu, Rubavu, Ngororero na Rutsiro, hagamijwe gukemura ibibazo byagaragaye muri izo nzuri.

Aya mabwiriza kandi akena ibizashingirwaho mu ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'inama yo ku wa 20/08/2019 yize ku kibazo cy'inzuri zasaranganyijwe muri Gishwati yemeje ububiko bw'amakuru ajyanye n'ibipimo by'ubutaka (Geo-database) bw'inzuri za Gishwati n'iyi ku wa 05/07/2023 yemeje ivugururwa ry'amabwiriza y'inzuri za gishwati yavuzwe haruguru.

Aya mabwiriza ndetse akena amasezerano umworozi agirana na Leta yo kubyaza umusaruro ubworozi no kubungabunga ubutaka bw'urwuri muri Gishwati (Imihigo) mbere y'uko ahabwa icyangombwa cy'ubutaka cy'urwuri gikosoye.

Ingingo ya 2: Ubutaka burebwa n'aya mabwiriza

Aya mabwiriza areba ubutaka bw'inzuri za Gishwati zasaranganyijwe mu myaka ya 2007 na 2008 n'izasigaye zidasaranganyijwe muri icyo gihe.

Ingingo ya 3: Imikoreshereze y'ubutaka bw'inzuri za Gishwati


Ubworozi bukorerwa mu nzuri zatangiwe ibyangombwa by'ubutaka n'inzego zibifitiye ububasha hakurikijwe amakuru agaragaza uko inzuri zasaranganyijwe mu mwaka wa 2007-2008;

Abafite ubutaka bw'inzuri bwatanze mu buryo bunyuranyije n'ubuvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bagomba kubusubiza Leta kabone n'ubwo baba baramaze kubwandikisha;

Ubutaka bw'inzuri za Gishwati bukorerwaho ibikorwa bijyanye n'ubworozi bw'inka za kiyambere gusa;

Umworozi wese cyangwa Koperative y'Aborozi bafite ubutaka bw'urwuri asabwa kubahiriza ibikubiye mu masezerano agirana na Leta yavuzwe haruguru, n'inama zitangwa n'inzego zifite ubworozi mu nshingano cyane cyane yimakaza imikoreshereze myiza y'urwo rwuri no kurubyaza umusaruro uhagije hakurikijwe ibipimo bigenwa n'urwego rwite ubworozi mu nshingano;

Ubutaka bw'inzuri ntibugabanywamo ibice;



Umuntu ufite ubutaka bw'urwuri aho ariho hose mu Gihugu ntiyemerewe kugira ubundi butaka bw'urwuri muri Gishwati. Iyo bigaragaye ko hari umuntu wabirenzeho ubwo butaka bw'urwuri busubizwa Leta nta ngurane.

Ingingo ya 4: Ingano y'urwuri n'uburyo uburenganzira ku butaka bw'urwuri buhererekanywa

Mu gihe cy'isaranganya, mu rwego rwo kurwanya ubusumbane hagati y'aborozi, umworozi yagenewe hegitari eshanu (5ha) z'urwuri, naho Koperative (Ishyirahamwe) y'aborozi rigenerwa hegitari icumi (10ha) z'urwuri. Mu gihe cy'igenzura iyo bigaragaye ko hari umworozi cyangwa ishyirahamwe ry'aborozi bafite ubutaka burenze cyangwa buri muni y'ubuvugwa muri iki gika, harebwa niba urwo rwuri ari uko rwasaranganyijwe hifashishijwe ububiko bw'amakuru y'ibipimo by'ubutaka (geo-database) bw'inzuri za Gishwati, ubutaka burengaho busubizwa nyirabwo hagendewe kuri iyo "geo-database". Ibikubiye muri iki gika birareba kandi uwaguze urwuri rwatanzwe mu buryo bw'isaranganya mu nzuri za Gishwati.

Uburenganzira ku butaka bw'inzuri za Gishwati bushobora guhererekanywa mu gihe iryo hererekanya rikozwe mu buryo bw'imbumbe. Ihererekanya ntirigomba guhindura icyo ubutaka bwagenewe gukoreshwa kandi ubonye ubwo butaka mu buryo bw'ishererekanya agomba kuba nta bundi butaka bw'urwuri afite muri Gishwati cyangwa ahandi aho ariho hose mu gihugu.

Nta mworozi cyangwa koperative (Ishyirahamwe) y'aborozi yemerewe kurenza urwuri rumwe. icyakora, abo byagaragaye ko bafite inzuri zirenze rumwe babonye mu buryo bw'ishererekanya ndetse zikaba zaramaze kubandikwaho muri rejisitiri y'ubutaka, bakomeza kugira uburenganzira kuri izo nzuri. Iyo bibaye ngombwa ko bongera kuzihererekanya bazihererekanya n'undi muntu udafite ubutaka bw'urwuri muri Gishwati cyangwa ahandi aho ariho hose mu gihugu.

Ingingo ya 5: Inshingano z'umuntu ufite ubutaka bw'urwuri muri Gishwati

Umworozi cyangwa Koperative bafite urwuri muri Gishwati bafite inshingano zikurikira:

- 1° Kuzitira imbibi z'urwuri (fencing) no kurucamo ibice (paddocks) hakoreshejwe gusa ubwoko bw'ibiti biberanye n'urwuri;
- 2° Kuragira amatungo hakorwa ihinduranya rihoraho mu bice bigize urwuri (rotation muri paddocks);
- 3° Gukoresha no gufata neza ibikorwaremezo (amakusanyirizo y'amata, amabuga, imihanda/amayira y'inka, ...) n'uduhanda two kurwanya inkongi tukajya dusiburwa neza mbere y'impeshyi;
- 4° Urwuri rugomba kwitabwaho hirindwa kongeramo ibindi bihingwa n'ibimera bibangamira umusaruro mwiza w'urwuri;
- 5° Umworozi ntagomba kurenza inka ebyiri (2) za kijyambere mu rwuri kuri hegitari imwe (1 ha);
- 6° Kwita ku buzima bw'amatungo n'ibindi bigamije imibereho myiza yayo;
- 7° Kugira ikaye y'ubworozi yandikwamo amakuru yose ajyanye n'ubuzima bwa buri nka, imyororokere yayo, umusaruro uboneka n'inama zitangwa n'abamusura no kujya ayerekana igihe cyose bibaye ngombwa;
- 8° Kutazerereza amatungo mu byanya bikomye no mu mashyamba;

- 9° Kubahiriza intera zagenwe ku nkengero z'imihanda n'amayira y'inka;
- 10° Kubahiriza ibikubiye mu masezerano agirana na Leta yo kubyaza umusaruro ubworozi no kubungabunga ubutaka bw'urwuri.

Ingingo ya 6: Inshingano z'Uturere duherereyemo inzuri

Uturere duherereyemo inzuri dufite inshingano zikurikira:

- 1° Kubahiriza ibikubiye mu bubiko bw'amakuru ajyanye n'ibipimo by'ubutaka (Geo-database);
- 2° Kumenyekanisha no gushishikariza abaturage ibikubiye muri aya mabwiza;
- 3° Gukurikirana no gushyira mu bikorwa ibikubiye muri aya mabwiriza no gutanga raporo ku rwego bireba kugira ngo bafatanye kubikemura;
- 4° Gukurikirana uko aborozi bazitira inzuri zabo no gushishikariza ba rwiyezamazirimo gufatanya n'aborozi mu kuzitira hakurikijwe imbibi aborozi beretswe, ikiguzi kikishyurwa n'aborozi;
- 5° Gukurikirana umutekano n'isuku mu nzuri;
- 6° Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano umworozi agirana na Leta.

Ingingoya 7: Imicungire y'ubutaka bw'inzuri bwasaranganyijwe amashyirahamwe

Ishyirahamwe ryasaranganyijwe urwuri rikaba ritarahindurwa koperative rigomba kwiandikisha mu Kigo gifite amakoperative mu nshingano kugira ngo rihabwe ubuzimagatozi bitarenze amezi atandatu (6) uhereye igihe aya mabwiriza atangiriye gukurikizwa.

Ingingo ya 8: Imicungire y'inzuri zitasaranganyijwe n'izagarujwe

Ubutaka bw'inzuri butasaranganyijwe, ubwigishirizwagaho ibyerekeye ubworozi bwa kiyambere n'ubwagarujwe bucuwaga na Minisiteri ifite imicungire y'ubutaka bwa Leta mu nshingano.

Ingingo ya 9: Ubutaka bw'urwuri bwagabanyijwemo ibice mbere y'aya mabwiriza

Hagamijwe kubungabunga imikoreshereze myiza y'ubutaka bw'urwuri ubutaka bwagabanyijwemo ibice mu buryo bunyuranyije n'ibiteganywa n'aya mabwiriza bwongera guhuzwa hifashishijwe amakuru ari mu bubiko bw'amakuru y'ibipimo by'ubutaka (geo-database)

Ingingo ya 10: Kubungabunga ibidukikije no guhangana n'imihindagurikire y'ibihe.

Umworozi ufite ubutaka bw'urwuri muri Gishwati afite inshingano yo kubungabunga ibidukikije no guhangana n'imihindagurikire y'ibihe. Umworozi agomba kwita ku rwuri asiba imikoki, abungabunga imigezi, ibishanga n'amasoko y'amazi. Umworozi agomba kubuza inka kuvogera ishyamba mu gihe urwuri ruherereye ku nkengero zaryo.

Umworozi agomba kubahiriza amategeko n'amabwiriza yerekeye kubungabunga no kurengera ibidukikije cyane cyane yubahiriza intera yagenwe ku nkengero z'imigezi n'iz'ibishanga ndetse anubahiriza umubare w'inka wemewe kuri hegitari.

Umworozi utubahirije ibivugwa mu gika cya kabiri cy'iyi ngingo ahanwa hakurikijwe amategeko abigenga kandi urwo rwuri rugasubizwa Leta.

Aborozi bigabije ubutaka bw'amashyamba bakabuhindura inzuri basubiza ubwo butaka Leta bugaterwaho amashyamba.

Ingingo ya 11: Amasezerano umworozi agirana na Leta yo kubyaza umusaruro urwuri

Hagamijwe kurushaho kubyaza ubworozi bwo mu nzuri umusaruro, mbere y'uko nyir'urwuri ahabwa icyangombwa cy'ubutaka gikosoye agirana n'Akarere amasezerano agaragaza imihigo y'ibyo yiyemeje kubahiriza mu rwego rwo kuzamura umusaruro ndetse no kubungabunga ubutaka bw'urwuri.

Ingingo ya 12: Ikurikirana n'isuzuma ry'ishyirwa mu bikorwa ry'aya mabwiriza

Hashyizweho itsinda rishinzwe gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'aya mabwiriza.

Iryo tsinda rigizwe n'umukozi ugenwa na Minisitiri ifite ubutaka mu nshingano, Minisitiri ifite ubworozi mu nshingano, Minisitiri ifite ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano, Ikigo gifite Ubworozi mu nshingano, Ikigo gifite ubutaka mu nshingano, Ikigo gifite amashyamba mu nshingano, Ikigo gifite ibidukikije mu nshingano, Ikigo gifite amakoperative mu nshingano, n'undi muntu wese wakenerwa bisabwe na Minisitiri ifite ubutaka mu nshingano.

Umukozi wagenwe na Minisitiri ifite ubutaka mu nshingano niwe muyobozi w'iri tsinda.

Ikurikirana n'isuzumabikorwa bivugwa mu gika cya mbere (1) cy'iyi ngingo bikorwa buri mezi atandatu (6) n'ikindi gihe bibaye ngombwa.

Raporo y'ibyavuye mu isuzuma ishyikirizwa Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano mu gihe cy'iminsi umunani (8) y'akazi uhereye igihe igikorwa cy'isuzuma cyarangiriye.

Mu gihe bigaragaye ko hari umworozi cyangwa koperative (Ishyirahamwe) y'aborozi utarubahirije inshingano z'umuntu ufite urwuri muri Gishwati zivugwa muri aya mabwiriza, itsinda ryavuzwe haruguru ribigaragaza muri raporo rishyikiriza Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano. Iyo mu isuzuma rikurikiyeho byongeye kugaragara ko uwo mworozi cyangwa koperative (Ishyirahamwe) y'aborozi atubahiriza inshingano zivugwa muri aya mabwiriza, urwuri rwe rusubizwa Leta nta yindi nteguza.

Ingingo ya 13: Iyandikisha ry'ubutaka bw'inzuri

Ubutaka bw'urwuri bwandikwa gusa ku mworozi cyangwa kuri koperative y'aborozi babubonye mu gihe cy'isaranganya cyangwa babubonye binyuze mu ihererekanya, hakurikijwe ingano y'urwuri ivugwa muri aya mabwiriza.

Umworozi cyangwa koperative (ishyirahamwe) bahawe ubutaka bw'urwuri muri Gishwati bakaba batarabwandikishije bagomba kuba bamaze kubwandikisha mu gihe kitarenze amezi cumi

n'abiri (12) uhereye igihe aya mabwiriza atangiye gukurikizwa. Iyo igihe kivugwa muri iyi ngingo kirangiye butandikishijwe busubizwa Leta nta yindi nteguza.

Ingingo 14: Gukemura impaka zishingiye ku mbibi z'inzuri muri Gishwati

Impaka zose zishingiye ku mbibi z'inzuri muri Gishwati zikemurwa hashingiwe ku makuru ari mu bubiko bw'amakuru ajyanye n'ibipimo by'ubutaka (Geo- database) bw'inzuri za Gishwati.

Ububiko bw'amakuru bushobora guhuzwa n'igihe bikoze n'urwego rubifitiye ububasha igihe bibaye ngombwa.

Ingingo ya 15: Agaciro k'ibyakozwe

Ibyakozwe mbere y'uko aya mabwiriza ashirwaho umukono ariko bitanyuranyije n'ibiyakubiyemo bigumana agaciro kabyo.

Ibyangombwa by'ubutaka byari byaratanze ku nzuri za Gishwati bigomba gukosorwa hakurikijwe amakuru ari mu bubiko bw'amakuru ajyanye n'ibipimo by'ubutaka (Geo-database) buvugwa muri aya mabwiriza hagatangwa ibyangombwa bishya.

Umworozi cyangwa Koperative/Ishyirahamwe bigaragaye ko yabonye ubundi butaka bw'urwuri mu buryo bw'isaranganya busubizwa Leta.

Mu rwego rwo kwita ku nyungu rusange, ibikorwa remezo bya Leta byashyizwe aho bitari byarateganyirijwe bizahaguma ariko aho byari biteganyirijwe Minisitiri ifite ubutaka mu nshingano izagena ibindi bigomba kuhakorera.

Abafite inzuri zateweho amashyamba ya Leta, Leta izasarura ishyamba umworozi asubirane imbizi z'urwuri rwe hakurikijwe amakuru ari mu bubiko bw'amakuru ajyanye n'ibipimo by'ubutaka (Geo-database).


Ingingo ya 16: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza

Amabwiriza ya Minisitiri w'Ibidukikije na Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi N° 0002 yo ku wa 17/11/2021 agena imicungire n'imikoreshereze yihariye y'ubutaka bw'inzuri za Gishwati kimwe n'ingingo z'andi mabwiriza abanziriza aya kandi zinyuranyije nayo bivanyweho.


Ingingo ya 17: Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsu yashyiriweho umukono.

Bikorewe i Kigali, ku wa ...11/6/2025


Dr. Valentine UWAMARIYA
Minisitiri w'Ibidukikije




Mark Cyubahiro Bagabe, PhD
Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi

